# INTEGUZA
# Nº 1



## GUTSINDISHIRIZWA, KWEZWA, GUHABWA UBWIZA




## UBUTURO BWERA, URUBANZA

COLLECTION

# INTEGUZA

Ya Kristo

# GUTSINDISHIRIZWA




Amagambo yakuwe muri Bibiliya n'ibitabo by'umwuka w'ubuhanuzi

Copyright-2012

Troisième impression en Kinyarwanda

**AMASHAKIRO** **PAJE**


1. Uburyo umuntu yaremwe atunganye…………………4
2. Icyaha ni iki?……………………………………………6
3. Uko umuntu yagera ku butungane……………………7
   -Gutsindishirizwa………………………………8
4. Umuntu ashobora kubabarirwa ibyaha……………...12
5. Gutsindishirizwa no kwezwa……………………….. 15
6. Kubyarwa ubwa kabiri………………………………...19
7. Guhabwa ubwiza.... ..…………………………………… 21
8. Ubuturo bwera..............................................................24
   -Mu mateka……………………………………24
   -Mu buryo bw'umwuka……………………….25
9. Urubanza……………………………………………….28
10. Kwirondora ubwawe ni ngombwa……………………33
11. Umwanzuro……………………………………………..35

# UBURYO UMUNTU YAREMWE ATUNGANYE

Imana n'Umwana wayo bamaze kurema isi n'inyamanswa bahereyeko basohoza ya nama bari baragambiriye satani ataragwa, ariyo yo kurema umuntu mu ishusho yayo. Bafatanije kurema isi n'ikizima kiriho. Noneho Imana ibwira umwana wayo iti: Tureme umuntu ku ishusho yacu, ase natwe. **(*Abakurambere n 'abahanuzi, P 12).*** Mbere umuntu akiremwa yari yahawe imico myiza n'umutima uhugutse nta nenge yari afite kandi yashyiraga hamwe n'Imana. Ibyo yatekerezaga byari ibyera; kandi ibyo agamije byareraga **(*Kugana Yesu, P. 13).***

Umuntu yari afite ishusho y'Imana mu by'umubiri no mu mico. Umwana w'Imana wenyine ni we wari wuzuye ubumana, ariko umuntu k'ubw'urukundo rw'Imana aremwa asa na yo. Imibereho ye yari isanga n'ingoyi n'imico y'Imana. Ubwenge bwe bwashoboraga kuzamuka bukagera ku bintu byo mu ijuru. Ibyifuzo bye byari biboneye, impagarike ye n'imigambi ye yose yavaga ku bitekerezo bitunganye kandi yari yishimiye gukora ibihuje n'ubushake bw'Imana .. Babengeranaga icyubahiro cy'Imana n'abamarayika mu gihe cyose bamaze bumvira muri Edeni.

Umuntu yari afite ishusho y'Imana agasa nayo ku mubiri no mu mico. Kamere ye yari ihuje n'Imana rwose. Yari atunganye kandi anezerewe afite ishusho y'Imana yumvira rwose amabwiriza y'Umuremyi **(*Abakurambere n'abahanuzi, P. 22).***

## UBURYO UMUNTU YAHINDANIJE UBWO BUTUNGANE.

Ubwo umushukanyi yihangaga mu nzoka, yamuteye gushidikanya itegeko ry'Imana yari yarahawe ryo kutarya ku giti cy'ubwenge kimenyesha ikiza n'ikibi, yihitiramo kumvira umushukanyi asoroma ku matunda y'icyo giti cyabuzanijwe ararya, ndetse ashyira n'umugabo we basangira kutumvira. Itangiriro 3: 1-7

Adamu amaze gucumura yibwira ko yisumbuye mu byo kubaho gushya, ariko bidatinze aterwa ubwoba no gutekereza iby'igicumuro cye. Umwuka wari mwiza ugasusuruka noneho ubasusira nk'ukonje. Abo bantu bombi bacumuye, bimenyaho icyaha cyabo, biyumvamo gutinya ibizaba bumva bakennye cyane bafite ubwambure bw'umutima. Urukundo rwiza, amahoro n'umunezero wo kunyurwa bisa naho bibakuwemo, maze mu cyimbo cyabyo bibonamo ubukene bw'ibyo batigeze kumenya mbere hose.

Ubwo nibwo bwari ubwa mbere bireba uko bameze inyuma. Mbere hose ntabwo bajyaga bambara, ahubwo bajyaga batwikirwa n'umucyo nk'abamarayika bo mu ijuru. Uwo mucyo wajyaga ubagota, uramûka, Kugira ngo boroherwe no kwiyumvarno ubukene n'ubwambure, batekereza ibyo gushaka umwambaro w'imibiri yabo. None se bajyaga guhinguka imbere y'Imana n'abamarayika bate batambaye? **( *Inama z'Imana muri iyi minsi P. 27* )**

« Ariko kutumvira niko kwatumye imbaraga ze zishira, maze kwikunda gusimbura urukundo yakundaga Irnana. Umutima we udeburwa n'ibicumuro, bituma abura uko yakwitsindishiriza ubwe ngo aneshe ibibi. Aba imbohe ya satani. Yajyaga gukomeza kubayo iteka iyo Imana itamugoboka ngo imuhagarareho ».

« Abantu bataracumura buzuraga n'Uwo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya bihishwemo. Abakolosayi 2:3 Ariko aho amariye gucumura ntiyaba akinezezwa n'ibyera, niko gushaka uko yakwihisha Imana. N'ubu niko bikimeze ku muntu utabyawe ubwa kabiri: ntabasha gushyira hamwe n'Imana, ntiyishimira kubana nayo". ***(Kugana Yesu, P. 13)***

"Ingaruka zo kurya ku giti kimenyesha icyiza n'ikibi, zigaragarira mu mibereho ya buri muntu. Muri kamare ye harimo imbaraga ituma abogamira ku cyaha kandi ntiyatsinda wenyine adafite ububasha. Kugira ngo ashobore kurwanya iyo mbaraga, maze agere ku ntego ye mu mutima we yumva ko ikwiriye, ashobora kubona ubufasha mu mbaraga imwe gusa, ni Kristo" ***( Uburezi.P. 29).***

## **NONESE ICYAHA NI IKI ?**

Icyaha ni icyaje mu muntu yemeye gucumura. Dore uko Bibiliya igisobanura:

Matayo 7 : 20-23 : Icyaha ni ikiba mu muntu kimutera gukora nabi.

Abaroma 7 : 14 - 20 : Icyaha ni ikiba mu muntu.

Abaroma 8 : 6-8 Icyaha ntabwo ari urutonde rw'ibikorwa bibi runaka dukwiriye kwirinda, ahubwo icyaha ni kamere ubwayo yo mu ntekerezo mbi ubwazo ituma tubogamura ku bibi.

## **UBURYO IMANA ISHAKA GUSUBIZA UMUNTU KU BUTUNGANE.**

Nk'uko Imana yagambiriye kurema umuntu ku ishusho yayo yera, niko yifuza kubisohoza igarura ishusho yayo mu mitima yacu ngo tugire ingeso nk'izayo, izo umuntu yari afite

akiremwa ibinyujije mu mpano y'ubuntu ya Yesu Kristo. Matayo 5 : 48 ; Abefcso 1 : 4, 5 : 27

Icyaha cyaciye umworera hagati y'umuntu n'Imana Yesu aza kwitambika hagati ye n'Imana nk'ikiraro kimuhuza na yo; guhera ubwo ahinduka inzira n'ukuri n'ubugingo. Niyo mpamvu nta rindi zina ryahawe abantu ryo gukirizwamo keretse irya Yesu. Yohana 14: 6; Ibyakozwe n'intumwa 4: 12.

## INZIRA UMUNTU AGOMBA KUNYURAMO NGO AGERE KURI UBWO BUTUNGANE

***Ahandi washakira iki cyigisho : Histoire du salut P.256-280.***

1. KWITABA KURARIKA KW'IMANA:
   Abaroma 10: 14, Ibyahishuwe 3: 20.

Umwuka w'Imana ahora akomanga ku mutima wa buri munyabyaha wese. Uwo Mwuka ararika buri munyabyaha mu buryo butandukanye, bimwe mu byo akoresha n'ibi bikurikira:

a). Ijambo ry'Imana
b). Ijwi ry'Imana rikomanga ku mutima
c). Imico myiza y' abakristo bihannye
d). Ibibwirizwa
e). Ibitangaza
f). Ibyago n' amakuba.

Tuzirikane yuko Imana ihamagara umuntu ari byo bitekerezo : Imigani 23 : 26; Mariko 7 : 21 - 23. Iyo yitabye irarika, yinjira mu rugo rw'intama ariryo torero rigaragara ryasigaye ryitondera amategeko y'Imana, rifite guhamya kwa Yesu. Ibyahishuwe 12 : 17, 14 : 12, 19 : 10

Benshi mu byanditswe muri iryo torero rigaragara Ntibazarokoka bitewe n’uko bemeye ukuri nyamra Ntibagukurikize. Ndetse hariho na bamwe bakurikiza imihango

y'itorero bakaza mu materaniro batanga icya cumi n'amaturo, ntibakore ku isabato, ariko ntibazinjira mu bwami bwo mu ijuru imitima yabo nidahinduka. Umurimo w'iryo torero rigaragara ni ukugwiza umubare w'ab'itorero ritagaragara ***(Amahame shingiro ya Bibiliya, P. 31).***

2. <u>KWINJIRA MU ITORERO RITAGARAGARA (MU IREMBO) Yohana 10: 7-9</u>

# GUTSINDISHIRIZWA

"Nta numwe keretse abazaba baratsindishirijwe n'amaraso y'Umwana w'Intama hamwe n'ijambo ry'Imana ryo guhamya kwabo, nibo bazasangwa bakiranuka kandi ari abanyakuri, nta nenge bafite cyangwa ikizinga cy'icyaha, nta buryarya bwabonetse mu kanwa kabo. Tugomba kwiyambura gukiranuka kwacu tukambara gukiranuka kwa Kristo". ***(Ubutumwa bwatoranijwe, vol II, P 380).***

Kugirango umuntu yinjire mu irembo (Kristo) **yigishwa iby'i karuvali.** Yesu ati : Nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu hose. Yohana 12 : 32. Umunyabyaha akwiriye guhishurirwa Kristo, akamenya ko ariwe Mukiza wamanitswe ku musaraba azira ibyaha by'abari mu isi. Iyo twitegereje Umwana w'Imana ku musaraba nibwo duhishurirwa ibiyoberana by' agakiza maze kugira neza kw'Imana kukadutera kwihana.
***( Kugana Yesu, P. 19).***

Umuntu warabutswe Kristo ku musaraba agira ishavu n'agahinda muri we biturutse ku kwitegereza ibyaha yakoze. Yobu 33: 19-22; Zaburi 38: 2-10.

"Uwo Kristo agiriye imbabazi abanza gutuma ababazwa n'ibyaha bye maze akaba ari umurimo w'Umwuka wera

kumwemeza ibyaha. Abantu bafite imitima yamaze kwemezwa n'Umwuka w'Imana, nta cyiza babona muri bo. Babona ko ibyo bigeze gukora byose bivanze n'inarijye n'icyaha, bagahagarara kure nka wa mukoresha w'ikoro w'umukene ntibatinyuke kureba hejuru, bagataka bati : Mana mbabarira kuko ndi umunyabyaha" ***(Abahirwa ni bande, P. 12), Luka 18: 30***.

"Icyaha kimwe utihannye kirahagije gufunga amarembo y'ijuru ntiwinjire. Yesu yaje gupfira ku musaraba w'i Karuvali kuko umuntu atari gushobora gukizwa afite n'ikizinga kimwe. Ibyiringiro ufite byonyine ni ukureba kuri Kristo ukabaho" ***(Ibimenyetso by'ibihe, Werurwe 17, 1890).***

"Tubona ku musaraba w'i Kaluvari ikiguzi Umwana w' intama yatanze kugira ngo acungure umuntu. Ubwo yari amaze kwitangira abantu, gusubirana ishusho itagira inenge k'umuntu kwari kworoshye nta yandi mananiza" ***(Amahame y'uburezi bwa gikristo, P. 135).***

"lbibi byo mu kubaho kwabo n'icyaha cya kamere cyo mu mutima, byose barabihishurirwa, bagatangira kugira icyo bumva cy'igitangaza cyo gukiranuka kwa Yesu, bakumirwa bati : mbese icyaha ni iki ngo kirihirwe igitambo kingana gityo ? Mbese urukundo rungana rutyo n'uwo mubabaro wose n'agashinyaguro kose, ni ukugira ngo dukire urupfu tuzabone ubugingo budashira ?" ***(Kugana Yesu, P. 19).*** Ubwo nibwo amenyeshwa ko icyaha ari umutima wa kamere umutera gukora ibibi.

"Iyo umuntu amaze kurabukwa Yesu mu mutima we, uwo Mukiza amuhesha imfunguzo eshatu zo gutangira urugendo :

1. ***KWIZINUKWA*** *:* Nta wabyiha; ahubwo kamere twavukanye idutera kwigira shyashya, umuntu wese akireba ko ari agahano. Ngako akaga k'itorero ryo muri iki gihe rigereranywa n'iry'i

Lawodokiya . Ibyakozwe n'intumwa 3 : 16, 17. Ariko uko uwo muntu yitegereza Yesu, akigereranya nawe dore uko yiyumvamo:

-Daniel 10 : 8 " sinasigarana intege ku bw'ubwiza bwanjye bwampindukiye ububore, ndatentebuka",
-Yobu 42 : 6 " Ibyawe nari narabyumvishije amatwi, ariko noneho amaso yanjye arakureba, nicyo kinteye kwizinukwa nkaba nigaragura mu ivu".
Yesaya 6: 5; Luka 5:8 "Akambi k'isuku ka Kristo iyo karasiye mu mutima kagaragaza akazinga kose, iyo kava kakagera, kagahishura ubugoryi n'inenge by'umutima w'umuntu; kakagaragaza kwifuza kubi kose n'ubuhemu bw'umutima, n'ubw'iminwa ivuga ibyanduye, Ubugome bwose bw'umunyabyaha bwo guhindura ubusa amategeko y'Imana, iyo bugaragajwe n'Uwuka wera, **bituma ashenguka umutima akababara cyane.** Uko yitegereza Yesu utagira inenge arushaho kwizinukwa",
***(Kugana Yesu.P. 21).***

**2**. ***KWIHANA*** : Iryo jambo dusigaye turikoresha nabi. Kwihana si uguhaguruka mu iteraniro useka utitonze ngo uratwe n'abandi. Burya kwihana ntibinejeje kandi ntibisetsa. Ndetse nta numwe wakwiha kwihana ubwe, nta nushobora kwihanisha undi. Ahubwo n'impano duhabwa na Yesu. Ibyakozwe n'intumwa 5 : 31.

"Kwihana nk'ukwa Dawidi (Zaburi 51: 1-4) ubwacu ntitwabasha kubisohoza. Bamwe bibwira yuko bidashoboka gusanga Kristo batabanje kwihana, bigatuma baheba ibyo Kristo yajyaga kubafashisha. Icyakora kwihana kubanziriza kubabarirwa ibyaha koko, kuko umutima umenetse ushenjaguwe niwo gusa wumva ko ukeneye Umukiza. Ariko se umunyabyaha yarindira kwihana ngo abone gusanga Yesu? Siko biri, kuko imbaraga iva muri Yesu ariyo imutera kwihana". Matayo 11 : 28

-Kwihana ko mu buryo bw'Imana, ni ukubabazwa n'ububi bw'umutima, si ukubabazwa n'uko ugiye guhanwa. Abaroma 7 : 18, 19, 24.

-Kwihana kutagira icyo kumaze ni ukwicuza ibibi umaze gufatwa utinya ingaruka z'ibyo wakoze. 1 Abakorinto 7 : 10. Ahubwo twihanishwe n'uko tumaze gusobanukirwa n'imico ya Yesu, tukizinukwa. Abaroma 2: 4

3. **KWATURA IBYAHA** : "Utwikira ibyaha bye ntazabibabarirwa ariko ubyatura akabireka azababarirwa". Imigana 28 : 13.

Nta washobora kwatura ibyaha bye atari kumwe na Yesu, niyo mpamvu benshi bananiwe kubikora kuko batari kumwe na we. Yohana 3 : 27, izi mfunguzo eshatu zifungura irembo riciye bugufi, umuntu wanga guca akabogi ngo ace bugufi ntiyanyuramo. Nyamara ntawuzakira atabikoze. Yakobo 5 : 16. Kwatura k'ukuri kuraromboreza kukemera ibyaha nk'uko biri, nti gukikira. Dore uko kugenda :

a) Hariho ibyaha byaturirwa Imana gusa ( kuko ariyo yabimenye gusa).
b) Hari ibyaha bibwirwa ababikorewe, n'Imana gusa.
c) Hari n'ibyaturirwa mu ruhame kumugaragaro n'Imana,

Ibyaha nk'uko byakozwe byerurwe ntibikikirwe, ikintu cyose kivugwe nk'uko kiri mu izina, nubwo ingaruka zaba urupfu cyangwa kwishyuzwa ihirenze ibyo dufite, Yesu azabyishingira kuko ariwe ubidusaba.Ubundi ugatangira ubuhamya mu kubatizwa mu mazi rnenshi, ***( Kugana Yesu, P. 29).***

**UBURYO UMUNTU ASHOBORA KUBABARİRWA IBYAHA**

a) Kumenya ibyaha. I Yohana 1 : 8, Zaburi 51 : 3
b) Kwihana. Ibyakozwe n'intumwa 2 : 37, 38
c) Kwatura ibyaha no kubireka. Imigani 28 : 13
d) Kuvuga icyaha mu izina. Abalewi 5 : 5
e) Kugarura ibyibano. Ezekiyeli 33 : 15
f) Kwizera. I Yohana 1 : 9
g) Amasezerano yo kubabarirwa ibyaha. Mika 7: 19, Zaburi l03: 12.

**Ubusobanuro bwo gutsindishirizwa:**

- "Nihaba imburanya mu bantu, bakajya kuburana bakabacira urubanza, batsindishirize uwakiranutse, batsindishe uwakoze icyaha" ***Gutegeka kwa kabiri 25:1, I Abami 8:32.***
- " kandi yabikoreye kugira ngo no muri iki gibe yerekane gukiranuka kwayo, ngo ibe ikiranuka kandi itsindishiriza uwizeye Yesu" ***Abaroma 3:26.***

Nk'uko tumaze kubibona muri aya magambo y'Ibyanditswe byera, umuntu umaze gusobanukirwa n'akaga arimo k'ibyaha bye, agasobanukirwa neza ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu kandi ko iki gihano cy'urupfu yagihaniwe muri Kristo I Kaluvali, avanye amakiriro ku kintu icyo ari cyo cyose maze akiringira Kristo wamucunguye, uwo ni we Imana ibona nk'umwere imbere yayo, atari kubwe ahubwo imurebeye muri Kristo wamukijije, maze ikamutsindishiriza kuko yizeye Yesu. Bityo, **GUTSINDISHIRIZA ni uguhamya ko umuntu ari umwere, ntacyo akurikiranwaho n'amategeko.**

Umuntu ubabariwe aba atsindishirijwe kuko imbabazi no gutsindishirizwa ari ikintu kimwe. "Binyuze mu kwizera, umuntu wizera arahinduka akareka kuba umuntu wigomeka wabyawe n'icyaha, maze agahinduka umuntu utunganiye Kristo. Uko guhinduka ntigukomoka ku ngeso nziza z'umuntu, guhinduka kuba kubera ko Kristo yakira umuntu ngo abe umwana we yirerera. Umuntu arababarirwa akambikwa imyenda myiza cyane yo gukiranuka kwa Kristo. Maze akagaragara ko nta cyaha afite mu maso y'Imana" **( *SDA Bible commentary, vol.6, P.1070).***

Iyo umunyabyaha yihannye asobanukirwa no kubabarirwa kwa Kristo n'igitambo cye kimwezaho ibyaha. Umunyabyaha yemera urupfu rwa Kristo arirwo byiringiro bye rukumbi muri ubu buzima no mu bw' ahazaza. Uko ni **ugutsindishirizwa ( kubabarirwa) kubwo kwizera.**

Iyo umuntu yitwaye ku Mana, yizeye koko kandi ababaye, amaraso ya Yesu amwezaho ibyaha byose yigeze gukora. I Yohana 1:9, nubwo uwo muntu aba atarahinduka kamere, Yesu aramutsindishiriza, Imana ikamubaraho gukiranuka adafite mu by'ukuri. Bene uko gukiranuka Imana ibara ku muntu kubwo kwihana, tugukesha urupfu rwa Yesu. Abagalatiya 3:13.

Kubabarira gufite imigabane ibiri: umugabane wa mbere ni ugukurwaho ibyaha byo mu gihe cyashize. Umugabane wa kabiri ni uko umunyabyaha akurwaho kuyoborwa na Satani.
***(A Greek - English, Lexion of the new Testement, P. 124).***

Mu kubidukuraho Imana iba iduteganyiriza umwambaro wo gukiranuka mu buryo bubiri :

1. Gukiranuka tubarwaho
2. Gukiranuka duhabwa.

Gukiranuka duhabwa n'uko tubarwaho si ugukiranuka k'uburyo bubiri : hariho gukiranuka kumwe gusa guhesha agakiza niko gukiranuka. kwa Kristo, kwiyerekana mu nzira ebyiri, Zombi zirakenewe. Imwe ntiyatwara umwanya w'indi. Inzira imwe rukumbi yo kubona uko gukiranuka ni **ukwizera.** Gukiranuka kudutsindishiriza nitwe kubarwaho, naho ukutweza turaguhabwa. Ukwa mbere kuduhesha uburenganzira bwo kwinjira mu ijuru, ukwa kabiri kuduhesha imico y'abakwiriye kuhatura **( *Ubutumwa ku basore, P.32).***

Gukora k'umwuka no kumurikirwa k'ubwenge bw'umuntu, bituma umuntu yizera Imana. Mu Byanditswe, byera kwizera kwitwa impano y'Imana, imbaraga izana agakiza. Niko kumurikira ukuri nk'ubutunzi bwahishwe. Umwuka w'Imana niwo ushimangira ukuri mu mutima". ***(SDA Bible commentary, Vol. 7.P.940)*** Mariko 2 : 5; 10 : 52; Luka 5 : 20; Abefeso 2 : 8 Abaroma 3 : 28, 30, abagaratiya 3 : 5, 11 : DUKIZWA N'UBUNTU KUBWO KWIZERA.

"Kuko umutima wawe wamaze gukangurwa n'Umwuka Wera, ukubise amaso ibibi byawe bizanwa n'ibyaha, n'imbaraga yabyo, n'ishyano rizanwa nabyo; maze wumva ubizinutswe. Wahisemo kwiyegurira Imana noneho yisange uyisabe kubikuhagira, iguhe umutirna mushya. Maze wizere ko ibikora byose kuko yabisezeranye. Ntukarindire kwiyumvamo ko wakijijwe, ahubwo uvuge uti : ndizeye niko biri, si uko mbyiyumvamo ahubwo nuko Imana yabisezeranye". Noneho ubwo wiyeguriye Yesu, NTUGASUBIRE INYUMA, NTUKONGERE KUMWIMURA ahubwo iminsi yose ujye uvuga uti " ndi uwa Kristo naramwiyeguriye" umusabe kuguha umwuka we, akurindishe imbabazi ze. **( *Kugana Yesu, P. 36, 37,*38*).***

Mu isezerano rishya nk'uko Ed. White abivuga:

- Isoko yo gutsindishirizwa ni ubuntu ( Abaroma 3 : 24; Tito 3 : 7)
- Uburyo bwo gutsindishirizwa ni amaraso ya Kristo (Abaroma5:9)
- Icya ngombwa ngo dutsindishirizwe ni ukwizera ( Abefeso 2 : 8; Abagalatiya 2 : 16)
-Ubuhamya bugaragara inyuma ko twatsindishirijwe ni imirimo ( Yakobo 2 : 24) **( *Histoire du salut, p.258)***

## GUTSINDISHIRIZWA BITANGIRANA NO

## KWEZWA.

"Gutsindishirizwa no kwezwa biragendana. Ntabwo bishobora gutandukana. Ntabwo kimwe gishobora gukora ibyiza kitari kumwe n'ikindi. Mu mugambi w'Imana, kubabarira guhora kugendana n'ubugingo bunesha no kumvira ibyo Imana ishaka. Kwizera bituzanira kubabarirwa. Ntabwo dushobora kubaho n'umunsi n'umwe tudakingiwe no gukiranuka kwa Kristo. Ingeso za Kristo zidakuriye muri twe kwizera kwacu gupfira muri we". ***(Ibihamya, 4T, P.88).***

"Umuntu iyo atsindishirijwe yakira Yesu, mu kwezwa akahigira no kugendana na we. Abakolosayi 2: 6-7, **gutsindishirizwa kumara igihe gito, naho kwezwa gushaka kuba mu mibereho yose y'umuntu"** ***(SDA Bible commentary, P. 956)*** Abaroma 6 : 19-22.

## KURWANYA KAMERE IKORA ICYAHA

Iyo umuntu yihannye areka gukora ibibi yakoraga mbere, nyamara aba agifite kamere y'icyaha imwerekeza ku bibi. None se iyo iyo kamere igushutse ngo ukore icyaha wabigenza ute ? 1 Abakorinto 9:27 «mbabaza umubiri wanjye nywukoza uburetwa... ngo ntaboneka ko ntemewe.» Abaheburayo 12: 4.

« Tugomba kurwanya ibyaha dushikamye. Tugomba kugereranya ingaruka y'icyaha n'ingaruka yo gukiranuka. Imbaraga duhabwa na Yesu Kristo niyo idushoboza kunesha ibibi. Buri munsi, buri saha, tugomba gutsinda kamere maze tugakurira muri Kristo. Ubwo rero nibwo imirimo yacu izagaragaza ko Yesu ari mu mitima yacu kubwo kwizera». ***(Inama ku babyeyi , abigisha n'abanyeshuri p.449).***

Kunesha icyaha ni ugutsindishirizwa, Muri ubwo buryo umuntu watsindishirijwe ( wababariwe) afite uburenganzira bwo kunesha imbaraga y'icyaha yabaga mu mibereho ye. Imibereho mishya itangirana na Kristo iyo umuntu amwakiriye.

«Gutsindishirizwa ( kubabarirwa no kuvuka ubwa kabiri) bivugururwa buri munsi. 2 Abakorinto 4 : 16, nyamara umurimo wo gukiranuka, tukareka gukora imibereho ya kera idutera gukora ibyaha, uba rimwe. Kristo atugira abakiranutsi muri we kuko aba mu mu mibereho yacu. Muri ubwo buryo tugomba kwiyumvamo ko twapfuye ku cyaha, tukaba turiho ku Mana muri Kristo Yesu". Abaroma 6 : 11 ***( Agatabo k'ibyigisho by'ishuri ryo ku isabato k 'Abaroma, igihembwe cya IV, P.49).***

Wenda wabaza uti: none se ko Paulo avuga ngo "Buri munsi ndapfa? » Abaroma 6 :4. Ubwo Yesu yapfaga yari yemeye kwishyiraho ibyaha byacu, yarabambwe azukira kubaho iteka. Muri ubwo buryo dupfa ku cyaha, tureka kugikora, tugahambwa mu mubatizo, maze tukava mu mubatizo dufite ubugingo bushya muri Kristo. Umubatizo ugira umumaro iyo umuntu azinutswe icyaha mbere yo kubatizwa.

"Kuvuka ubwa kabiri ni ibintu bidakunze kubaho ku isi muri iki gihe. Niyo mpamvu hari ingorane nyinshi mu matorero. Abantu benshi bemera izina rya Kristo, ntibakiranuka kandi ntibera. Barabatijwe nyamara bahambwe bakiri bazima. Baracyashaka gukora icyaha, nuko rero ntibavuye mu mazi bafite imibereho mishya muri Kristo Yesu" ***(SDA Bible commentary, Vol.6, P.1075).***

Abantu bagereranywa n'abakobwa b'abapfu si indyarya, ni abantu bubaha ukuri bavugira ukuri, bakareba neza bizera ukuri ariko ntibari biyegurira kandi ngo bitangira umurimo w'Umwuka Wera. Ntabwo baragwa ku rutare Kristo Yesu ngo ingeso zabo zishaje zishenjagurwe.. .. Bakira ijambo bafite ubwuzu ariko ntibasobanukirwa neza n'ibirikubiyemo. Bageraho bakibagirwa ibyo bize. Umwuka akora k'umutima w'umuntu hakurikijwe ubushake bwe no kwemera agaterwamo kamere nshya, ariko abagereranywa n'abakobwa b'abapfu bashimishwa n'umurimo udatunganye. Ntabwo bazi Imana. Ntabwo bigeze biga imico y'Imana, ntabwo bigeze basabana n'Imana, niyo mpamvu badashobora kwizera kugira ngo babeho. Umurimo bakorera Imana usubira inyuma". ***(Imigani ya Kristo, P.411).***

Ellen G.White yeretswe mu nzozi ko Marayika murinzi yari ahagaze mu irembo ry'ijuru akumira abashaka kwinjiramo badafite ingeso zishimwa . Marayika yabwiraga abaje mu ijuru ati: nta muntu twemerera kwinjira mu ijuru ataramenya icyatsi n'ururo, Yari yerekeje ku bantu bakuze ariko bakaba bameze nk'abana mu ngeso zabo. Niba ufite kutiringira mugenzi wawe ukagira ingeso yo gukerensa abandi, no kwiyemera ntushobora kwinjira mu ijuru kuko wahahumanya. Abantu bose bajya mu ijuru, bambara umwenda w'ubukwe, wadodewe mu ijuru. Abantu batunzwe no gushayisha gushyashyariza abandi no kubashakamo amakosa, bagaragaza ko bafite kwizera guke, kandi baba bikingiranira inyuma y'urugi rw'ijuru. Niba uterekana imico y'Imana muri wowe ntushobora kuba mu bagize umuryango w'Imana mu ijuru » ***(Ubutumwa bwatoranijwe, Vol.1.P.110).***

« Imana yerekanye ko abantu bari mu byaha bakwiriye kwihutira kubivamo itarabarakarira. Ariko niba abayobozi birengagije ibyaha by' abizcra, Imana izarakarira abo bayobozi. Umuntu umwe mu itorero ashobora gutera umwijima mu itorero bigatuma umucyo w'Imana uba utakirigeramo. » ***( Ibihamya, Vol. III. P.265).***

« Nk 'uko umusernburo ukora mu mugati bikagaragarira inyuma, niko bigenda ku guhinduka k'umutima igihe ubuntu bw'Imana buhindura imibereho yacu. Nta guhinduka kwinyuma guhagije kwatuma umuntu asabana n'Imana, Hari abagerageza kwivugurura muri ubwo buryo, babikora batyo bakibwira ko bahindutse abakristo, nyamara baba batangiriye mu mwanya utari wo; umurimo wacu ni uguhinduka umutima. ***( Imigani ya Kristo, P.97).***

« Ukwiriye kunesha nk'uko Kristo yanesheje. Mbese umuntu azemera imbaraga y'Imana arwanye satani ? Kristo yemeye imbaraga z'Imana mu gihe yasakiranaga na satani amugerageza mu butayu. Imana ntishobora gukiza umuntu we atihitiyemo kuva mu mitego ya satani. Umuntu agomba gukoresha imbaraga yahawe, nuko yafashwa n'imbaraga za Kristo, akarwanya kandi agatsinda satani. Ugomba kunesha nk'uko Kristo yanesheje » ***(Ibihamya by'itorero, Vol. IV. P.323)*** Ibyahishuwe 3 :21 ; Abaroma 6 :17,18; 8: 14-16; 12: 1-2.

Muri uko kurwanya kamere ikora ibyaha ngo « umukiranutsi wanjye naho yagwa ntazarambarara ... » Igihe akoze ikosa atagambiriye, ahita abyuka vuba ababajwe n'iryo futi aguyemo maze agahita arishyira umurengezi Yesu Kristo I Yohana 2 : 1. Kuko arwanira kunesha rero, amaranira kutongera kubigwamo akabireka, nguko kwezwa ariko kunesha. Naho ugereranywa n'umukobwa w'umupfu we abisabira imbabazi ariko ntakure ngo abicikeho, uwo azabarwa nk'utuka Umwuka Wera.

## KUBYARWA UBWA KABIRI

Tito 3: 5-7, l Yohana 3: 6-9; Zekariya 3 : 4; Abaroma 15: 43-45; Abaheburayo 10 : 22; Yohana 16 : 21,22 ; Ibyahishuwe 4 : 3. Imvugo y 'abantu ntiyavuye ku busa ngo: iyo imvura iguye igihe izuba riva impyisi zirarongorana. Mu by'ukuri umukororombya wo mu mutima utuma Imana nawe barongorana, ikamuteza imbere mu byo gukiranuka. « Imbabazi n'umurava birahura, gukiranuka n' amahoro birahoberanye » Zaburi 85 : 10. Kandi umukororombya ni ihuriro ryo gukiranuka n' amahoro, inkeke no kwishinja ibyaha bigashira, uwo muntu aba ateye intambwe mu by'umwuka. ***(Ubusobanuro bw'Ibyahishuwe, P.67)*** Ezekiyeli 36 : 25 -27 « Nzabaha umutima mushya ».

« Iyo Yesu avuga iby'umutima mushya aba avuga intekerezo, imibereho, impagarike yose. Kugaragaza guhinduka k'umutima ni ukureka kurangamira iby'isi, ukarangamira Kristo. Kugira umutima mushya ni ukugira intekerezo nshya, imigambi mishya, imikorere mishya. Wabwirwa n' iki umutima mushya ? Ku guhinduka kw'imibereho. Buri saha, buri munsi mu gupfa ku narijye no ku bwibone » ***( Ubutumwa ku basore, P. 71, 72).***

Iyo twambaye imico ya Kristo duhora dupfa kuri kamere mbi, kamere yacu (intekerezo mbi), tukiga Ijambo ry'Imana no gusenga dushikamye, Icyo gihe ku bw'Umwuka wera dufite, tubonera icyaha kure.

« Igihe Umwuka w'Imana agenga umutima w'umuntu, ubuzima burahinduka, ibitekerezo by'icyaha bishyirwa iruhande, imirimo mibi ikarekwa, urukundo, kwicisha bugufi n' amahoro bigasimbura uburakari, irari n'intonganya. Ibyishimo bigasimbura agahinda. Mu ruhanga hakarabagirana umucyo w'ijuru. **Nta muntu urabukwa ngo abone ikiganza giterura umutwaro w'ibibi cyangwa ikizana umucyo uvuye mu ijuru.** Imigisha iza ku muntu igihe agize kwizera akiyegurira Imana. Hanyuma ya

mbaraga itagaragara ikarema ikiremwa gishya ku ishusho y'Imana" ***(Uwifuzwa ibihe byose, P. 154).***

"Yesu yakira abamuhungirahe atitaye kubyo babarega no ku mpaka babagisha Nta muntu cyangwa marayika mubi ushobora kubakoma imbere. **Kristo abambika kamere ye y'Imanamuntu.** Amaraso ya Yesu yuhagira icyaha cyose. ***(Rengera ubuzima, Vol. II, P.38)***

" Kubwo kwizera tubasha kurabukwa ibizaba, tugasingira isezerano ry'Imana ry'uko izungura ubwenge bwacu ngo butubashishe kwiyunga no gusabana na yo, twongere gusubizwa ishusho yayo yaturemanye mbere. Ubwo nibwo tuzashobora kwishimira y'uko ibyaduhagarikaga umutima n'ibiturushya byose bizaduhishuririrwa, ibitunanira tutumvaga bizaba bisobanutse; kandi ibyayoberaga ubwenge bwacu buke bizadufutukira rwose.’’ **(Kugana Yesu, p.81)** , 1Abakorinto 13:12

Igihe twiyeguriye Kristo, imitima yacu ihuzwa n'uwe, ubushake bwacu buhurizwa mu bushake bwe, ubwenge buba kumwe n’ubwe, ibitekerezo byacu bigengwa na we; tubaho mu buzima nk'ubwe. Ibyo bivuga kwambikwa umwambaro wo gukiranuka kwe. Noneho igihe Uwiteka aturebye, ntabona ubucocero, no guhindurwa n'icyaha, ahubwo abona ikanzu ye yo gukiranuka, aribyo bivuga kumvira amategeko ya *Yehova."**(Imigani ya Kristo, P. 312).***

"Abanyarwanda batemeye imbaraga z'Imana baca umugani ngo: kamere ntikurwa na reka. Ariko ibyo siko biri ku biyeguriye Kristo: imbaraga ya Mwuka wera ni yo iba ifite ubuyobozi bw'impagarike yacu, kamere ikabaho nta rutabi idufiteho. Igomba kuburiramo kugira ngo umuntu azagere mu ijuru. Wibuke ibi byitegerezo: Mariko 3: 17, Luka 9:52-54, Yohana mwene Nkuba yahindutse intumwa y'urukundo... I Yohana 3:18;4:7-11" ***(Amahame shingiro ya Bibliya P.6)*** Iyo dusanze Yesu ahindura imibereho yacu bwite, ibyo akabikora adushyiramo

kamere ye bwite. Muri ako kanya, dutangira kugaragaza ubugingo bushya turi kumwe nawe.

«Iyo Kristo ari mu mutima agaragara mu maso y' abamukunda bakomeza amategeko ye. Ukuri kubagaragaramo nk'inyandiko maze impumuro nziza yo mu ijuru ikabatamaho. Bahinduka abagwa neza nyabo, kandi bakagira urukundo rurenze urwa kimuntu. Igitubura cy'ukuri kw' Ijambo ry'Imana gitunganya ibikocamye, umunyabugugu agahinduka umunyabuntu, gihumanura ibihumanye. Uwari ufite kamere ya kimuntu akagira kamere ivuye ku Mana. Kuva ubwo umuntu atangira kubahira Imana mu ngeso ze. Iyo habayeho guhinduka kumeze gutyo, abamarayika baranezerwa bagatera indirimbo z'ibyishimo, kandi Imana igashimishwa n'imitima ikora ibyo gukiranuka.» ( *Imigani ya Kristo, Vol I P. 43.)*

## GUHABWA UBWIZA

### (GUSHYIRWAHO IKlMENYETSO GIHERUKA).

**«Abo yatoranije kera yarabahamagaye, kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije yabahaye ubwiza.»** ***Abaroma 8:30, II Abakorinto 3:18, Imigani*** **e*4:18*.**

«Mu gihe tugitegereje guhindurwa kw'imibiri yacu ubwo Kristo azaba agarutse, tugomba kwezwa burundu kw'imitima yacu, kuko kwezwa kw'imitima gutegurira ukw'imibiri.»***(Histoire du salut, P.277).***

Tukiri kw'isi umutima niwo uhinduka naho umubiri uzahindurwa Yesu agarutse. Kuko umutima aba ariwo uyobora umubiri, uyu muntu agenda anesha.

« Kwezwa n'imibereho yo gutungana imbere n'inyuma, kuba uwera kandi waritangiye Uwiteka, bitari ibigaragarira amaso ahubwo by'ukuri ». ( ***Our high calling, P. 214).***

"Mbese turaharana n' imbaraga zacu zose kugirango tugere ku rugero rushyitse rw'abagabo n'abagore muri Kristo? Mbese duharanira kuzura dusiganirwa kugera ku rugero rwashyizwe imbere yacu … aribwo butungane bw'ingeso za Kristo? Abantu b'Imana nibagera kuri urwo rugero, bazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Buzuye Umwuka, bazaba buzuye muri Kristo, kandi malayika wandika mu gitabo azavuga ati :" BIRARANGIYE". ***(SDA Bible Commentary, Vol, VI,P.1118).***


"Nta rubibi ruhari rw'ibyo gukura mu by'umwuka, ahubwo hari urubibi rwo guhagarariraho mu bikorwa by'icyaha » ***(Inyandiko za kera, P. 71).***

Bibiliya Yera n'inyandiko z'umwuka w'ubuhanuzi bitwigisha mu buryo bunoze yuko " Kuvanaho inenge mu ngeso zacu bizanwa no guhora ku birenge bya Yesu, tugendera mu bushake bw'Umwuka Wera. Ibyo rero iyo bimaze kuba kamere muri twe, insengero zacu zitakirangwamo ikibi, nibwo tuzahabwa ikimenyetso cy'Imana giheruka, kandi tugasukwaho n'imvura y' itumba".

"Kwakira imibereho yo kuvuka bushya, kandi umuntu agakomeza iyo mibereho ni kimwe no guhabwa imvura y'umuhindo. Iki kimenyetso cya mbere ni ngombwa niba tugomba guhabwa ikimenyetso giheruka aricyo cy'imvura y'itumba. Keretse imvura y'umuhindo ikujije imbuto, bitari ibyo imvura y'itumba ntacyo yazimarira". ***(Ibihamya ku bagabura, P. 506).***

"Nta muntu numwe uzigera ahabwa ikimenyetso cy'Imana mu gihe imico ye izaba ikirangwamo inenge. Inshingano yacu n'iyo gukosora amakosa aboneka mu mico yacu tukaboneza ubugingo bwacu maze ntibugire amakemwa. Ubwo nibwo imvura y'itumba izatugwaho nk'uko imvura y'umuhindo yaguye ku ntumwa ku munsi wa pentekoti''.***(Ibihamya, vol. V, P 214.)***

# UBUTURO BWERA N'IMIRIMO YABWO



# UBUTURO BWERA

## UBUTURO BWERA MU MATEKA ( Kuva 25 : 8).

Incamake y'Ubuturo Bwera bwari mu isi. Kuva40: 1-33:Ubuturo Bwera bwo mu isi bwari bugizwe n' imigabane 3.

A. IGIKARI cyabagamo : - **igicaniro cy'ibitambo** : umunyabyaha yazanaga itungo ( igitambo cy'ibyaha bye), ababaye akarirambika ho ibiganza ku mutwe, ubundi akavuga ibyaha bye, nyuma akaryisogotera. Uko aryitegereza risamba mu cyimbo cye, akagira agahinda kamushengura umutima. Abalewi 4 : 27-31.

**-igikarabiro** : uko umutambyi yinjiraga mu ihema ry'ibonaniro niko yabanzaga kugikarabiramo intoki n'ibirenge. Kuva 40 : 30-32.

B. AHERA habagamo : - **Ameza y'imitsirna 12** :yashushanyaga imiryango 12 y'abisirayeli. Abalewi 24:5-9; kuva 25 : 30.

**-Igitereko cy'amatabaza** : yahoraga amurikiye ahera. Kuva 27: 20

**-Igicaniro cy'imibavu** : cyahoraga gicumbeka, ihumurira Uwiteka igihe cyose. Kuva 30 : 7,8.

C. AHERA CHANE habagamo: **- Isanduku y'isezerano** yari irimo ibisate bibiri by'amategeko 10 y'lmana, Inkoni y' Aroni na Manu yahishwe.

- Hejuru yayo hari **intebe y'imbabazi iriho ubwiza bw'Imana ( Shekina) n' abakerubi 2 batwikira iyo ntebe.** Ubuturo Bwera bwo mu isi ni kopi y'ubwo mu ijuru, Noneho rero igihe twiga Ubuturo bw'ibyo mu isi twerekeze ibitekerezo byacu ku byo mu ijuru. Ntabwo twasobanukirwa n'imiterere y'ubwo mu ijuru tutabanje kwiga uko ubwo mu isi bwari buteye.

«Abantu babonye umucyo bagomba guhamya ukuri kuzuye Imana yabahaye. Ubuturo bwera bwo mu ijuru ni ryo shingiro ry'umurimo Imana yageneye abantu. Imana rero

irararikira abatuyc ku isi bose ibereka intandaro yo gutsinda intambara iri hagati yo gukiranuka n'icyaha. Ni ingenzi ko buri wese yiga yimbitse Ubuturo Bwera, kugira ngo abe ashoboye guhamya ibyiringiro bimurimo." .
***( Intambara ikomeye, P. 531).***

« Abantu bamwe biga ibyerekeye Ubuturo Bwera amajyejuru gusa, nkaho budafite inyigisho yimbitse Imana yateguyc mu buntu bwayo. Jambo wabaye umuntu akabana natwe, niwe Ubuturo Bwera bwerekezaho. Kuva 25: 8; Abaheburayo 9: 8,9; 10: 19,23.

## UBUTURO BWERA MU BURYO BW'UMWUKA.

Nk'uko umunyabyaba ababazwa n'ibyaha bye akabyatura abishyira ku gitambo cyo ku gicaniro, niko n'umunyabyaha wese wemejwe ibyaha bye n'Umwuka Wera akababazwa na byo abizanira Kristo wabibambiwe i Kalvari, Mika 6 : 7,8 ; Zaburi 51 : 16 ; Imigani 23 :26. Igitambo Imana ishima ni umutima umenetse. Imyotsi y'icyo gitambo ishushanya amasengesho avuye mu mutirna ushenjaguwe n'icyaha. ***( Kugana Yesu p.19; Abahirwa ni ba nde P . 41).*** 1 Petero 2 :9 noneho uyu muntu akomeza mu buryo bw'umutambyi kubwa Yesu Kristo.

Nkuko Umutambyi yabanzaga kwiyeza akaraba intoki n'ibirenge mu gikarabiro ibyo bishushanya temperance ngo tugire ubuzima bwiza, **n'umubatizo** uhamya ko twahuye na Yesu. 1 Abakorinto 6 : 11. Abefeso 5 :26 ; ibyakozwe n'Intumwa 22 : 16 ;2 :38 Yohana3 :5 ;13 :5, gukaraba byari ingenzi cyane kuko uwajyaga mu buturo bwera atabanje gukaraba yashoboraga gupfa. Uko gukaraba byashushanyaga Kristo we mazi y'ubugingo.

« Ubatizwa atihannye aba ateta ku biruhije bitazabura kumukoraho. Biragaragara yuko umubatizo w'utihannye ari ugutuka Imana, n'ugukerensa ibyera, Matayo 7 :6. Umubatizo

ukwiriye kuba uw'uwihannye Mariko 1:4 ; Luka 3 :3, Ibyakozwe n'Intumwa l3 :24 ; 19 :4. Umubatizo wo kwihana mu rugiriki ayo magambo yanditse ngo BAPTIZO ya metanoia. Metanoia rero ni intekerezo zahindutse. Utahindutse atyo rero ntakwiriye kubatizwa; abikoze aba abeshye", ***(Amahame shingiro ya Bibiliya P.21).*** Iyo umuntu abatijwe aba ahamya ko yemeye gupfana na Kristo agahamba kamere ya kera, akaba agomba kuzukira imibereho mishya aribyo kubyarwa ubwa kabiri.

"Kwirengagiza umubiri niko kwirengagiza umutima. Ntibishoboka ko abana b'Imana bayihimbaza bafite imibiri irwaragura cyangwa ubwenge budakura. Kunezeza irari ry'inda mu buryo bwica ubuzima byangiza ubwenge. Bazagerwaho n' ingaruka yo kugomera amategeko y'umubiri". ***(lbihamya, Vol.3 P. 485, 486).***

Yesu ati:"Ntacyo mubasha gukora mutamfite... " Kugira Yesu nibyo bizakubashisha kumenya uko wakwitondera amategeko ya Temperance, bitari ibya bamwe babijyamo bafana uyu munsi, ejo amerwe n'irari bikabasubiza ku byo kurya no kubyo kunywa byangiza imibiri yabo kandi ari insengero z'Imana. Nyamara Uwiteka araburira abapfa kurya no kunywa batirinda, batanga inzitwazo zo gushyigikira kutumvira kwabo ngo: "Utsemba urusengero rw'Imana nayo izamutsemba". Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Data wo mu ijuru, kandi muyitange ngo ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, kuko tuzabazwa uko twayigenzuye.

- Imitsima yabaga ku meza y'Ahera ishushanya Yesu Kristo ariwe Jambo ry'Imana nk'Umutsima w'Ubugingo. Yohana 6 : 35, 52, 53. Tugomba kwiga Ijambo ry'Imana tukaryigaburira buri gihe rikadutunga tugasa naryo kuko umuntu agizwe n'ibyo arya.
- Urumuri rw' amatabaza yamurikiraga Ahera rushushanya Yesu Kristo ariwe Zuba ryo gukiranuka umurikira umuntu kubwo kumuhanga amaso agahinduka umucyo w' isi. Zaburi 119 : 105;

Yohana 8: l2-14; 2Petero 1 : 19; Abaheburayo 4: 12; Matayo 5 : 14.

- Imibavu yavaga ku gicaniro cy' Ahera ishushanya amasengesho y'abera, naho gusenga kw'abanyabyaha ko ni ikizira k'Uwiteka. Ibyahishuwe 8 : 2-4; Zaburi 141 : 2; Ibyahishuwe 5 : 8.
- Uyu muntu uri ku gicaniro cy'imibavu, mu kwezwa ahora atitiriza Imana ngo imuneshereze imurandura mo kamere imutera gukora icyaha aho ari imbere y'umwenda ukingirije Ahera Cyane, ngo Imana imuramburire amaboko imweze burundu maze ahabwe ubwiza. "Amasengesho yacu ahumurira Imana neza nk'uko uwo mubavu wayihumuriraga. Ikiyagira meza ni ugukiranuka kwa Kristo tuba twambaye. Ayo masengesho asohozwa ku Mana n'Umwuka Wera; atabaye we, ntiyagera yo. Umukiranutsi w'intege nke usenga, afite ubutunzi bwose mu gusabana n'Imana". ( ***Tugiye mu gihugu cy'isezerano, P. 41).***

"Uwo muntu aba asabira ngo umutima we uhinduke nk'uko Imana ishaka kandi ahabwe kamere nk'iy'Imana akurwemo kamere ya kera. Uyu muntu wavuye mu rugo ageze Ahera, arwana anesha kamere nta gusubira inyuma, muri uko kwezwa kamere ye iba irindiwe munsi y'ububasha bw'Umwuka Wera".

"Nta mbaraga n'imwe Yesu yakoresheje atsinda ibishuko itakoreshwa n'umuntu uwo ariwe wese wizeye. Abayoboke be bose bashobora guhabwa imibereho itsinda nk'iya Yesu baramutse biyeguriye Imana byimazeyo" . **( *Uwifuzwa ibihe byose, P.664).***

Dore intwaro zatubashisha kuguma muri Yesu ari ko kunesha satani mu rugamba rw'imibereho yacu:

1. Gusenga k'uburyo bune :
   - -mu ruhame ( mu materaniro)
   - -mu muryango (mu rugo)
   - -mu rwiherero
   - -mu mutima nk'uko utera, uhoza ibitekerezo ku Mana nka Enoki.

2. Kwiga ibyanditswe byera ubyitondeye wumva byigisha umutima wawe nk'ibyo kurya biwutunga.
3. Guhamya Kristo ( kubwiriza ubutumwa mu mpano ufite) Matayo 7 : 7-11, Luka 11 : 8, I Abakorinto 15 : 43-45, Yohana 16 : 21 -24. Uyu muntu ugeze Ahera Cyane aha yinjijwe mu bwiza. Abaroma 8:30, II Abakorinto 3:18. Wibuke ko ahangaha aba afite agahinda katari ak'ibyaha agenda akora, ahubwo gaturutse k'uko agenda ahishurirwa uko gukiranuka kw'Imana guteye n'amahame mashya y'ukuri kwayo mu mutima we, yisanga adakwiriye akumva akeneye kurushirizwaho kwegera gusa na Kristo; ubwo nibwo imbabazi n'umurava bihura bigahoberanira mu mukororombya; Zaburi 85 : 7-13. Ubwo nibwo asohorezwamo amasezerano yo kugira kamere y'Imanamuntu. Yeremiya 31 : 31-34, Ezekiyeri 36: 25-27, Matayo 11: 28-30, Abaheburayo 4: 1-12; l Abakorinto 5 : 7. Ubwo nibwo uwo muntu yinjira mu buruhukiro bw'umutima yateguriwe kuko aba amaze kwezwamo kamere mbi yamuganishaga ku byaha.***(Amahame shingiro ya Biblia P.80-82.).***

"Kuvuganira umuntu kwa Kristo mu buturo bwo mw'ijuru ni ingenzi mu nama y'agakiza, nk'uko urupfu rwo ku musaraba narwo ari ingenzi. Nuko rero kubwo kwizera, tugomba kwinjira hirya y'umwenda ukingiriza ahera cyane, aho Yesu yatwinjiriye atubanjirije. Yesu yakinguye urugi rujya ku ntebe ya Se. Kubwo kuduhuza nawe abafite ubushake bose bwo kuza kuri we bizeye, bazerekanwa imbere y'Imana". ***(Intambara ikomeye, P.489)***.

## URUBANZA

### ISUZUMARUBANZA:Intambara ikomeye, P.521- 534).

Daniel 7: 9,10 umuhanuzi yabonye icyubahiro n'igitinyiro cy'urukiko rwo mu ijuru, urwo imibereho y'abantu bose Igaragazwa imbere y'umucamanza w'isi yose aho buri wese acirwa imanza z'ibyo yakoze. Umukuru Nyiribihebyose ni Data

wa Twese. Zaburi 90 : 2. Daniel 7:9 Iyo Mana ni yo soko y'ubugingo inkomoko yose y'itegeko ryose yicara ku ntebe y'imanza, uduhumbagiza inzovu inshuro inzovu z'abamalayika bamukikije nk'abafasha n'abagabo bo guhamya iby'ukuri Danieli 7 : 13, 14. Ukuboneka kwe si uko azaba agarutse ahubwo Umukuru nyir' ibihe byose azamuha ubutware n'icyubahiro n'ubwami ubwo azaba arangije umurimo we wo guhongerera ibyaha yatangiye mu 1844 mu iherezo ry'imyaka 2300. Akikijwe n'abamarayika b'ijuru, umutambyi wacu mukuru yinjira Ahera cyane imbere y'Imana gutangira umurimo uheruka kubw' ikiremwamuntu.

Umurimo ni uw'igenzura ry'urubanza, ni uwo gukuraho ibyaha ku babikwiriye.

1 Petero 4 : 17 : Kuko igihe kigiye kuza urubanza rukabanziriza mu b' inzu y' Imana. Inyandiko zo mu ijuru ziriho amazina n'ibikorwa by'abantu, nibyo shingiro mu rubanza. Daniel ati : imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa. Yohani ati : n'ikindi gitabo kirabumburwa nicyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze, Ibyah.20 : 12.

I. **IGITABO CY'UBUGINGO** : Kirimo amazina y'abakozi b'Imana bakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera gusa. Yesu yabwiye abigishwa be ati : ntimwishimire yuko abadayimoni babumvira ahubwo mwishimire yuko amazina yanyu yanditswe mu gitabo cy'ubugingo Luka 10 :20. Umuhishuzi Yohana mu byahishuwe 20 : 12 havuga ko abazinjira mu ijuru ari abanditswe mu gitabo cy'ubugingo.

II. **IGITABO CY'URWIBUTSO**:Umuhanuzi Malaki ati: amagambo yabo y' ibyiringiro, ibikorwa byabo byiza byanditswe mu ijuru. Imirimo yose yo gukiranuka, igishuko cyose gitsinzwe, igikorwa cyose kibi

cyaneshejwe, n'ijambo ryose ry'impuhwe ryandikwa muri icyo igitabo cy'urwibutso.

Handitswe kandi imibabaro yose, imiruho n'ibigeragezo byose byihanganiwe kubw'urukundo rwa Yesu. Umunyezaburi ati : ubara kurorongotana kwanjye ushyira amarira yanjye mu icupa ryawe, mbese ntibyanditswe mu gitabo cyawe ? Zaburi 56 : 8.

III. **IGITABO CY'IBYAHA** : (Igitabo cy'urupfu) : Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza n' igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi : Umubwiriza 12 : 14. Kandi ijambo ryose ry'impfabusa abantu bavuga bazaribazwa ku munsi w'urubanza. Amagambo yawe niyo azagutsindisha cyangwa agutsindishirize. Matayo 12: 36-37, dore biranditswe imbere yanjye Yesaya 65: 6,7; 1 Abakorinto 4: 5.

**HANDITSWE MU BURYO BWITONDEWE:**

1.Ijambo ryose ribi rivugwa : aha tubonamo gushyenga, gusetsa kubi, gutera ibiparu bipfuye, kuvuga ibihubukiwe bidakwiriye no kutavugisha ukuri nubwo byaba mu tuntu duto Malayika abyandika mu gitabo cy'urupfu kandi uzabizira, Imigani 26 : 18 - 19. Zaburi 15 : 1-4.
2. Igikorwa cyose cy'ubugugu
3. Umurimo wose wirengagijwe
4. Icyaha cyose cyahishwe kikarenzwaho
5. Imiburo yose y'ijuru yirengagijwe
6. Ibihe byose by'ingenzi byapfushijwe ubusa.
7. Imyanya yose itarakoreshejwe neza.
8. Ibyakozwe byiza cyangwa se bibi n'imbuto byeze.

Byose byandikwa na Malayika ugenzura nk'uko byakozwe.

Itegeko ry'Imana rigaragaza imico n'imibereho ya buri wese mu rubanza. Yakobo 2 : 12.

Izina rya buri wese rirahari kandi iby'umuntu wese bisuzumwa mu buryo bwitondewe, Amazina ya bamwe arashimwa, akemerwa, abandi bakagawa bakarekwa. Igihe inyandiko igaragaje ku muntu ibyaha biticujijwe ngo birekwe, izina rye rihanagurwa mu gitabo cy'ubugingo kandi n' imirimo myiza yakoze igahanagurwa mu gitabo cy'urwibutso. Ezekiel 33:12-19. Uwiteka yabwiye Mose ati : unshumuyeho wese ni we nzahanagura mu gitabo cyanjye Kuva 30 : 33; yabwiye na Ezekiyeri ati : Umukiranutsi nareka gukiranuka kwe ibyo yakoze ntibizibukwa ukundi ( Ezekiyeli 18 : 24). Umucamanza wo mu ijuru ategereje abanesha kubwo kwizera amaraso ya Yesu, bagahabwa imbabazi z'ibyaha byabo; ngo bimikwe babe abaragwa b'ingoma y'ubuntu mbere yo kwima ingoma y'ubwiza. Mika 4 : 8. Satani ahora aturega nyamara Yesu ntakuraho ibyaha byacu gusa kubwo kwizera kwacu no kwihana kwacu adusabira imbabazi agaragaza imbere ya se n' abamalayika ibiganza bye bitobowe akavuga ati : Ndabazi mu mazina nabaciye imanzi mu biganza byanjye. Yesaya 49 : 16.

Umucunguzi azashyira Se itorero ridafite ikizinga, ibara cyangwa umunkanyari, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge. Amazina yabo azahora mu gitabo cy'ubugingo kandi Umwami aravuga ati bazagendana nanjye bambaye gukiranuka kuko babikwiriye. Ibyah.3 : 4.

Abamarayika b' Imana ni bo bagabo ba buri kosa, ni bo bayandika akurikirana badasobwa. Umuntu ashobora kuyahisha no kuyahakana imbere ya se na nyina, y'uwo bashakanye, abana n'inshuti, nyamara byose bigaragazwa imbere y'abamalayika bo mu ijuru. Umwijima wo mu ijoro ry'icuraburindi, icyahishwe mu bitekerezo, uburyarya bwo mu mutima, ntibishobora kwihisha amaso y'Imana. Imana ntishukwa n'ibyitwikiriye imbabazi z'abantu, ntiyibeshya mu kugenzura kamere y'umuntu. Umuntu w'umuriganya ashobora kubeshya bagenzi be, ariko Imana ihishura amabanga yo mu mutima.

Mbega ukuntu ibyo dutekereza buri rnunsi bishyirwa mu bitabo byo mu ijuru ! ljambo ryose rivugwa n'igikorwa cyose ntirishobora kwirengagizwa. Abamalayika bandika buri gikorwa cyose ari icyiza cyangwa ikibi. Umuntu nubwo yaba igihangange ate, ntiyabasha guca urupapuro na rumwe rwo mu bitabo byo mu ijuru. Ibikorwa byacu, amagambo yacu n'ibyifuzo bihishwe bigenzuririrwa kuduhesha ukubaho kunejeje cyangwa se kubabaje kw'iteka ryose. Umuntu yabyibagirwa nyamara nta kantu na gato ko kudutsindishiriza cyangwa se kuducira ho iteka kazimira. Kamere y'umuntu wese igaragara mu bitabo byo mu ijuru nk'uko ifoto y'umuntu igaragara mu maso ye. Mbega ukuntu gutekereza kuri izo nyandiko ari guke cyane! Umwenda utandukanya isi igaragara n'itagaragara uramutse ukuweho, twarabukwa rnarayika wandikana ubushishozi ijambo n'igikorwa byose byo mu mibereho yacu.

Mbega uburyo amagambo menshi n'ibikorwa byinshi byakwirindwa ntibikorwe ! Uburyo dukoresha impano twabawe burakurikiranwa mu rubanza ruriho ubu. Mbese dukoresha dute ubwenge bwacu, igihe twahawe, imibiri yacu, ikaramu yacu, amafaranga yacu, amagambo yacu duhimbaza Imana? Twakoreye iki Umwami imbere y'abakene, ababababaye, imfubyi, abapfakazi? Umurimo wose ukoranywe urukundo uko waba uri kose ufite ingorarano ku Mana. Muri izo nyandiko kandi handitswemo inshingano zitashohojwe, zaba iz'abavandimwe cyangwa se iz'Umwami wacu, umubare w'amasaha, ibitekerezo n'imbaraga byagombaga gukorera Imana, bigakoreshwa mu murimo w'umwanzi.

Ubwoko bw'Imana bukwiriye gutekereza ku murimo w'urubanza mu buturo bwera, uwo umutambyi mukuru adukorera ubungubu. Ibyo bibuze, kwizera gukwiranye n' igihe tugezemo kwabura kandi ntitwashobora gusohoza umurimo Imana yadushinze. Buri wese afite gukiza cyangwa kuzimiza ubugingo bwe.

Ni ibya buri wese gutekereza cyane mu rubanza aho ibitabo bibumburiwe nk'uko Daniyeli yabyeretswe, Daniyeli 12 : 13.

Ntihakagire n'umwe wibwira ko ibicumuro bidakira. Imana izaguha kwizera n' imbaraga ubinesheshe. Turi mu gihe cy'umunsi ukomeye wo kwezwaho ibyaha. Mu gihe cya Mose igihe umutarnbyi yezaga ibyaha, buri wese yagornbaga kwihana ibyaha bye yicishije bugufi imbere y'Uwiteka. Bitaba ibyo agakurwa mu bwoko bw'Imana. Nubu rero muri iyi minsi mike isigaye y'imbabazi ni kimwe no ku bantu bose bashaka ko amazina yabo aguma mu gitabo cy'ubugingo. Bagomba kwibabariza imbere y'Imana bakiyumvamo umubabaro w'ibyaha byabo bakagira guhinduka by'ukuri.

## KWIRONDORA UBWAWE NI NGOMBWA

Ku bantu benshi bavuga ko ari abigishwa ba kristo bakwiriye kureka koroshya no gukinisha ibyaha byabo. Nyuma y'intambara yo kwirwanya no kwitsinda bazanesha imitego mibi kandi batsinde urugamba. Nyamara uwo mwiteguro ni umurimo w'umwihariko ku muntu. Ntitwakizwa muri rusange, kwizera no kwitanga k'umwe ntikwakuraho ingeso z'undi, kuko ari ngombwa ko bose bacirwa urubanza. Imana izasuzuma ibya buri wese ibyitondeye nkaho ariwe wenyine uri ku isi.

N.B. : mujye mwirinda, mube maso musenge, kuko mutazi igihe ibyo bizasohoreraho. Mariko 13 : 33. Umucamanza w'isi yose aravuga ati : WAPIMWE MU GIPIMO UGARAGARA KO UDASHYITSE. TURABE MASO KANDI UWIBWIRA KO AHAGAZE YIRINDE ATAGWA.

Isano dufitanye na Kristo ituma izina ryacu rikomeza kuguma mu gitabo cy'ubugingo. "Amazina y'abantu bose bigeze begurira Imana imibereho yabo yandikwa mu gitabo cy'ubugingo. Ubu imico yabo irasuzumirwa imbere y'Imana. Ubu abamalayika b' Imana baracira abantu urubanza. Abamarayika bararebа

amajyambere y'imico y'abantu bariho muri iki gihe kugira ngo barebe niba amazina yabo yakomeza kugumishwa mu gitabo cy'ubugingo ..

Ubu turi mu gihe cy'imbabazi, tugomba kumesera amakanzu yacu mu maraso y'Umwana w'intama. Ukora uyu murimo ni nde? Ninde ugerageza kurwanya icyaha n'inarijye bimurimo ? **(** ***SDA Bible Commentary vol.*****7,** ***P.960.)***

AMAHEREZO Y' ABANYABINYOMA NI AYAHE?
Ibyahishuwe 21 : 8.

**Icyitonderwa** : Birashoboka ko abantu babeshya batagize ijambo bavuga. Babasha kubikora banegeza umutwe, kwica amaso, cyangwa se kuzunguza akaboko, ubundi no kuruma gihwa. « Mujye muvuga ukuri nubwo haba ku kintu kitoya » ( Ubutumwa ku basore. P.145). Nta kintu kiba gito mu maso y'Imana.

"Aho gukora icyaha wapfa, aho kuriganya wakena, aho kubeshya wasonza". ***(Ibihamya, Vol.4. P.495).*** Abatemera gukiranuka kwa Kristo baba batije inkingi Babuloni kandi baba bakiriye inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Mu butumwa bwa Malayika wa 2 n'uwa 3 abo bazacirwa urubanza n'Imana kuko bemeye ubutumwa butari ubw'Imana, bagasenga indi mbaraga itari Imana. Nubwo aya magambo " gukiranuka kwa Kristo" cyangwa " gutsindishirizwa" cyangwa "kwezwa" ataboneka mu butumwa bw'abamarayika batatu, gukiranuka kwa Kristo niyo ntego igaragazwa mu magambo y'urubanza **(*****Uwifuzwa ibihe byose, P.281- 289).***

Ariko Imana yashobora gukora nk'uko yakoze ku munsi wa Pentekote no hanyuma yawo. Benshi bavuga ubu ko bizera ukuri, basobanukiwe ho hato kuby'imikorere y'Umwuka Wera, bakaba basakuza bati : mwirinde imyizerere ikakaje cyangwa bakavuga iby' abuzuye Umwuka Wera bati : " aba bantu basinze ihira ... ?" ‘‘... hazabaho kandi n' abazabaririza kandi banegura igihe Umwuka w'Imana azaba agenga abagabo n'abagore, kuko

imitima yabo ubwabo itahindutse, ahubwo ikonje kandi ikaba itajijutse". ***( Ubutumwa bwatoranijwe, Vol.2; P.57).***

"Imibare y'iyo nteko yaragabanutse. Bamwe baranyeganyeze batakara mu nzira, abatagira icyo bitaho kandi ntibahinduke, ntibifatanye n'abakunze kunesha n'agakiza, babisabye bashimikiriye barabibabarizwa ariko ntibabihabwa; ahubwo batakaye inyuma mu mwijima, uwo mwanya basimburwa n'abandi bakomeje ukuri kandi bahawe icyubahiro". ***(Inyandiko za kera, p. 271).***

"Kwifuza kwera ni byiza, ariko iyo bigungiriye aho ntacyo bimara; umugabane munini w' abakristo bameze batyo mu matorero yacu, barapfira mu byaha, kuko batahisemo kuba abakristo bamaramaje" ( *Kugana Yesu, P.34-35, Inama zigirwa itorero, vol I, P. 92, 93).*

## UMWANZURO

" Ibihamya bicyaha ibyaha byawe. Rwose ntuzigera uhitamo kutumvira ibihamya ngo unezezwe no gukora ibyo kamere yawe yifuza cyangwa ngo utangire gushidikanya wibaza niba ibihamya bikomoka ku Mana. Ujye wibuka ko kutizera kwawe kutagira icyo guhindura ku kuri kw'ibihamya. Niba ibihamya bikomoka ku Mana, nta kizabikoma mu nkokora. Abantu bagerageza gutuma ubwoko bw' Imana bureka kwiringira Imana (ibihamya) bararwanya Imana, baratuka Imana yavuganye natwe ikoresheje imiburo ( ibihamya). ***Ibihamya, Vol .5. P.234-235).***

***INTEGUZA ya Kristo***
***B.P. 409.6 KIGALI-RWANDA***
***Tel. 0788612295***
***e-mail: integuza@yahoo.fr***

# Abaroma 3:26

"Kandi yabikoreye
kugira ngo no muri
iki gihe yerekane
gukiranuka kwayo,
ngo ibe Ikiranuka
kandi Itsindishiriza
uwizeye Yesu"